ISOBANURAMPAMVU KU MUSHINGA W'ITEGEKO RIGENGA IMITUNGANYIRIZE Y'UBWITEGANYIRIZE BWA PANSIYO

IRIBURIRO

Politiki y'Ubwiteganyirize iteganya amashami atandukanye agize ubwiteganyirize, buri shami rikaba rigomba kugengwa n'Itegeko ryihariye. Ni muri urwo rwego rero hateguwe umushinga w'itegeko rigenga imitunganyirize y'ubwiteganyirize bwa pansiyo.

Uyu mushinga w'itegeko ugena ibya pansiyo cyane cyane ibiyigize, ibice byayo, abayicunga. Hiyongereyemo ibishya byinshi nk'imikorere ya pansiyo icungwa n'abikorera, ikigega cy'ukwizigamira kizaba gifasha abakirimo kwiteganyiriza ku macumbi ndetse n'ibijyanye no kwiga, kwemerwa gucunga ibigega bya pansiyo, abamerewe gukora umwuga ujyanye n'imirimo ijyanye na pansiyo, igenzurwa rikotwa n'ikigo gishyiraho amabwiriza (BNR) n'imitunganyirize y'imirimo ijyanye na pansiyo.

IMPAMVU

Nk'uko bigararagara mu bihugu byateye imbere mu bijyanye na pansiyo z'abakozi, ubwiteganyirize bugira uruhare runini mu iterambere n'imibereho myiza y'abagituye, cyane cyane ku bakozi bagiye muzabukuru.

Mu Rwanda, amategeko ariho kuri ubu yibandaga cyane kubyerekeye gukusanya no kwishyura abatanze imisanzu, ariko ugasanga habura guteza imbere imibereho myiza y'abatanga imisanzu.

Uyu mushinga w'itegeko ugamije gukemura icyo kibazo, ku bwizigamire bwizabukuru butegetswe busanzwe hariyongeramo ubundi buryo bwo kw'izigamira bw'ubushake bikorwa k'ubwumvikane bw'umukozi n'imukoresha n'ubwizigamire umuntu yakwikorera kugiti cye. Muri uyu mushinga hari kandi n'ibyerekeye ubwizigamire byaja bukorerwa mu kigega cy'ukwizigamire.

IBYIZA BY' IRI ITEGEKO

- Guteza imbere imibereho myiza y'abanyagihugu;
- Guteza imbere umuco wo kuzigama n'ishoramari;
- Guteza imbere imyubakire y'amacumbi no gutuza aheza abizigamiye;

- Guteza inbere uburezi mu gihugu abakozi bizigamiye bashobora kwishyurira amashuri abana babo bitabagoye.

INGINGO Z'INGENZI Z'IRI TEGEKO

Uyu mushinga w'itegeko ureba ubwiteganyirize bwa pansiyo butegetswe n'ubw'ubushake, mu bw'ubushake tukaba tunasangamo ibijyanye na konti bwite y'umuntu yo kuzigamira izabukuru.

Ku ngingo zirebana n'ubwiteganyirize bwa pansiyo butegetswe, zirasa n'izari zisanzwe mu mategeko agenga pansiyo iriho kuri ubu, zigaragaza ibyerekeye itangwa ry' imisanzu, ibibagenerwa abizigamiye, ibyo bagomba kuzuza kugira ngo babibone.

Harimo kandi n'ikigega cyo kwizigamira kizaba gicungirwamo pansiyo y'inyongera ndetse n'imisanzu yo kuzigamira amacumbi no kuriha amashuri. Uyu mushinga w'Itegeko urateganya ko ibyerekeye uburyo bwo kwiteganyiriza mu Kigega cyo kwizigamira n'ibyo uwiteganyirije ahabwa bigenwa n'Iteka rya Minisitiri ufite ubwiteganyirize mu nshingano ze

Ku byerekeye pansiyo y'ubushake, uyu mushinga w'itegeko uribanda ku bigomba kuzuzwa no kubahirizwa kugira ngo abayifitimo uruhare babashe gukora no gutera imbere ndetse n'ibyerekeye imitunganyirize y'ubwo bwiteganyirize.

Ubwiteganyirize bwa pansiyo y'ubushake bugizwe ku ruhande rumwe n'amasezerano akorwa hagati y'umukoresha n'umukozi yo kuzigamira umukozi izabukuru. Muri iyi pansiyo imisanzu atangwa kubwumvikane n' umukoresha n'umukozi. Mu rwego rw'ikigo ubu buryo butuma abakozi butuma abakozi bagira umurava mu kazi ndetse batava mu kigo kubera inyungu bategereje kuzabona baramutse bagiye mu zabukuru. Ku rundi ruhande, umuntu ku gite cye ashobora kwiteganyiriza kuri pansiyo y'ubushake afungura konti yizigamiramo ariko agamije kuzayahabwa mu kiruhuko cy'izabukuru.

Muri uyu mushinga w'itegeko hagaragaramo ikindi kintu gishya cyerekeye imicungire y'ibigega bya pansiyo n'abagira n'abatanga serivisi zayo bakanayicunga kugira ngo izakore mu buryo bugezweho kandi buyiteza imbere. Abo ni nk'abarinzi, intumwa, abacunga ishoramari, abatangira imisanzu abakozi. Aba rero kugira ngo bakore bakaba haribyo bazasabwa kuzuza n'inshingano bahabwa zerekanywe n'amategeko n'abagenga.

Harimo kandi n'ibyerekeye gutanga impushya ku bashaka gukora imirimo ijyanye na pansiyo, ubugenzuzi no gukurikirana imikorere y'abatanga serivisi mu byerekeye pansiyo.

Dore muri make ibyi ngenzi biri muri uyu mushinga w'itegeko:

Mu mutwe wa II wu yu mushinga w'itegeko hagaragaramo ibijyanye na pansiyo itegetswe, abarebwa n'iyo pansiyo, ibiyigize, ibyo bagomba kuzuza ngo bayigireho uburenganzira. Harimo ibyerekeye imisanzu, ibigenerwa abageze mu zabukuru, abagiye mu zabukuru imburagihe, abafite ubumuga n'ibihabwa abazungura bariho.

Umutwe wa III werekeranye n'ubwiteganyirize bwa pansiyo y'ubushake hagaragaramo ubwoko bwa pensiyo y'ubushake bugizwe n'ubwiteganyirize bwa pansiyo bushingiye ku kazi na Konti bwite yo kuzigamira izabukuru. Harimo ibijyanye n'uburenganzira ku bigenerwa abageze mu zabukuru, iyimurwa ry'imisanzu y'ubwiteganyirize bwa pansiyo, ibyerekeye Amafranga y'ingoboka mu ishami rya pansiyo, ibisabwa mu iyandikwa n'iyemererwa ry'ubwiteganyirize bwa pansiyo y'ubushake.

Hagaragaramo kandi ibyerekeye iyemererwa ry'abatanga servisi mu bwiteganyirize bwa pansiyo, inshingano z'umukoresha utanga imisanzu n'ababatanga serivisi z'imurimo w'ubwiteganyirize

Mu mutwe wa IV werekeye ibintu rusange bijyanye na pansiyo aribyo:

- Ibisabwa kwitonderwa ku byerekeye ubwiteganyirize bwa pansiyo itegetswe n'iy'ubushake;
- Politiki y'ishoramari, amabwiriza y'ikigo gishyiraho amabwiriza kuri Politiki y'Ishoramari, ibitemewe mu ishoramari ry'ikigega;
- Ubwishingizi bw'ibigenerwa abageze mu zabukuru;
- Itangwa rya raporo n'imenyekanisha ry'ibisabwa ku bwiteganyirize bwa pansiyo itegetswe ni y'ubushake;
- Raporo z'ubugenzuzi ni z'a bahanga mu mibare y'ubwiteganyirize
- Gushyiraho umugenzuzi cyangwa umuhanga mu mibare y'ubwiteganyirize
- Ubugenzuzi ku kigega cya pansiyo
- Ububasha bw'ubugenzuzi
- Ibyerekeye umusoro